

7/22/18

### **Ubutumwa bwa Padiri Jim.**

Ni mureka abana bansange .

Twarakijijwe n'ubuzima busha burigihe ,twese hamwe iyo dushize hamwe Imana iradufasha . Muze twese dukore ibyo Imana idusaba ,reka dukore ibyo imana idusaba

Nidufata urugero rwa Yezu muri byose kandi abashize hamwe Imana irabafasha . Dufashe abatishoboye aho turi aho tuvuka maze dufate urugero rwa Yezu muri make

tugomba kugira icyo tugeraho muri byose . Ntabwo tugomba kugarukira ahongaho gusa tugomba gukora iyo bwabaga tugakora ibishoboka byose . Imana niyo nkuru .

Muze twese dufatanye muri byose mana yacu utwumve mana ntudutererane mubyo dukora byose . Nyagasani ngwino wumve amasengesho turatakamba utwumve .

Muri ikigihe abantu bose bafata igihe cyabo bagafata ibiruhuko rimwe narimwe bafata igihe bakajya gusura abarwayi ,mureke atwese twishirehamwe dusure abantu bacu.

Duhaguruke dufashe abasaza aho dutuye abatishoboye maze dufashe abarwayi nibyo bizaturanga nibyo bizatwerekana abo turibo muri make tugomba kugaragara neza .

Muri make ubuzima tugomba kubusigasira warwara ukajya kwa muganga naho roho yacu itungwa n'amasengesho . Iyo utagaburira roho yawe uba ushonjye muri byose .

Porogaramu y'abana, ni kuva kumyaka 5- 18 kandi bizatangira mu kwezi kw 7 taliki ya 23,26,27, 30 no mukwezi kwa 8 italiki ya 3,6,10 kuva 10 am kugeza samunani kandi amafunguro ya sasite n'ubuntu muzaze muri benshi .

Kandi hakenewe n'abana bakuru bo bogufasha barumuna babo .

Dukeneye n'abana bo mu mashuri makuru ( ayisumbuye ) turashaka ko badufasha abana bato barumuna babo . Ubukeneye gufasha yahamagara kuri (513) 921-1044 noneho ext # 20 .

Turakeneye abakorera bushake ,bashobora gukora amasaha 3 kugeza kuri 4 buri cyumweru bakadufasha uturimo tudakomeye . Ushaka kudufasha yahamagara kuri 513 - 921- 1044 ext # 20.

Umunsi w'amizero ni kuwagatandatu z'ukwezi kwa 8 italiki ya 18 sasita kugeza sakumi kuri iyi address Wayne kuri Beekman ibiryo ni Ubuntu byose ndi hazaba hari n'imyenda y'ubuntu hamwe n'ibikoresho by'isuku . Mwese muratumiwe murakaza neza.

Turakeneye umukozi wo gukora hano kuri Paruwasi ,dukeneye umuntu ushoboye kandi uzi ibintu by'umuriro akaba yaterura ibiremereye hano kuri Paruwasi .

Ubukeneye yahamagara cyangwa akandikira stleocinti@aol.com. Amen..

